URUGENDO NYOBOKAMANA RW'ABAPADIRI
MU ISEMINARI YA NYAKIBANDA

Tariki 03/06/2016, Abepiskopi n'abapadiri bakoreye urugendo nyobokamana mu Iseminari Nkuru ya Nyakibanda mu rwego rw'urugendo rwa Yubile y'imyaka 100 y'ingabire y'Ubusaseridoti muri Kiliziya y'u Rwanda. Iyi Yubile iteganijwe umwaka utaha wa 2017 kuko mu w'1917 ari bwo abanyarwanda ba mbere ari bo Balthazar GAFUKU na Donat REBERAHO bahawe Isakaramentu ry'Ubusaseridoti mu rwego rw'Ubupadiri.

Uru rugendo nyobokamara nk'uko byari biteganijwe, rwabimburiwe n'inyigisho, nyuma yayo hagakurikiraho gususa urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu w'1994, hakurikiyeho gusura irimbi rishyinguyemo abarezi n'abanyeshuri bitabye Imana bari mu Iseminari Nkuru ya Nyakibanda, hakurikiraho Igitambo cya Misa yayobowe na Nyiricyubahiro Musenyeri Filipo RUKAMBA, Umushumba wa Diyosezi ya Butare hasoza gusangirira hamwe.

Mu nyigisho yatanzwe na Musenyeri André, Umusaseridoti wa Arikidiyosezi ya Kigali, yavuze ku mateka y'ubusaeridoti yibanda ku buzima bwe: Mgr André yamenye ubwenge barata abapadiri na kiliziya, muri ibyo bihe amenya Padiri NDEKWE. Ibi yabivuze ari kwerekana uburyo Imana ariyo itora ariko igakoresha abantu ndetse na sosiyete barimo. Yavuze uburyo abamisiyoneri bakoraga aho yarerewe i Kabgayi. Yatangiye ishuri mu Kibeho biga Gatigisimu no gusoma byonyine, nta kubara bigaga.

Mu buzima bwe yaje kumenya umupadiri witwaga Difark, uwo mupadiri yakundaga kubona abantu bose akababonamo Yezu, akamusuhuza avuga ati uraho yezu, akamuganiriza avuga ati yezu, akanamusezera na none avuga ngo urabeho yezu. Mu buto bwe yakunze seminari. Aza kuyijyamo yibwira ko ari paradizo, ariko icyamutangaje ni uko yinjiyemo agasanga hameze nk'ahandi. Uko yakuraga yibwiraga ko iyo paradizo azayibona gusa yarinze arangiza abona aho agiye hose hasa n'aho avuye. Mu buzima bwe kandi yamenye Musenyeri NIYIBIZI wamusigiye ishusho y'ubusaseridoti.

Uwo musenyeri yamugiriye inama amutoza kuba umusasridoti muzima. Musenyeri NIYIBIZI yahoraga abakundisha kwiga ati: kwiga ni uguhozaho. Musenyeri Andé

yatanze ishimwe kuri Padiri Jean Marie Vianney, urugero rw'ubupadiri. Yashimiye n'abakora ubushakashatsi ku bupadiri mu Rwanda. Yatubwiye ko inzira y'ubusaseridoti ari urugendo. Asaba buri musaseridoti kurinda umuhamagaro yahawe nk'ikibanza cye bwite arimo.

Yagize ati : Umusaseridoti ni undi Kristu, agomba kubana na we akamurangamira kugira ngo bibere abandi urugero cyane cyane mu mibanire yabo n'Imana no mu mibanire yabo n'abantu. Yavuze ku Ivanjiri ya Yohani uko Filipo na Yezu aho Yezu amubwira ati na n'ubu nturamenya ? Yashakaga gusobanura ko ku musaseridoti, Yezu ari byose, ko tugomba kumushakisha buri gihe n'aho ariho hose kugira ngo babashe kumumenya no kumukurikiza.

Musenyeri André, mu busaseridoti bwe yabanye n'abantu banyuranye. Icyo yabonyemo ni uko umusaseridoti agomba gukurikiza yezu kandi akitangita Kiliziya. Yatanze urutonde rwa bamwe mu ba Papa bitangiye Kiliziya mu bihe bishize uko bakurikiranye guhera kuri Piyo XII, Yohani XXIII, Pawulo VI, Yohani Pawulo I, Yohani Pawulo II, Benedigito XVI, na Fransisko.

Yasabye abapadiri gukorera Imana bakiri bato kugira ngo bazasaze neza, yabasabye kuba intangarugero mu kwamamaza Ivanjili, nka bariya bayitangiye ku buryo no mu bihe bya Jenoside yakorewe Abatutsi mu w'1994 bemeye kwitangira abandi. Asoza akomeza gushishikariza bose gukunda ubusaseridoti. Ati: mugaragaze ishusho nyayo ya Yezu Kristu ndetse n'iya Kiliziya. Yasoje asaba gukora ubushakashatsi kugira ngo bashake mu mateka imbuto Kiliziya yeze kandi bazigaragarize abandi bibe nk'urumuri rubamurikira mu nzira igana Kristu.

Ijambo rya Musenyeri Jean Damascène BIMENYIMANA, Umushumba wa Diyosezi ya Cyangugu akaba anakuriye akanama k'Abepiskopi gashinzwe amaseminari makuru n'abasaseridoti, arasaba abasaseridoti ko gukora urugendo rwa Yubile bitagatifuza. bagafatira urugero ku bandi bakuru babo bitwaye neza nka Mutagatifu Jean Marie vianney wahoraga ashishikariye gutegura neza Igitambo cya Misa no kunga abantu n'Imana

Mu Ijambo rye, Musenyeri Filipo RUKAMBA, Umushumba wa Diyosezi ya Butare, akaba anakuriye inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda yavuze ko gushishikariza abasore b'abanyarwanda kwiha Imana byatangiwe na musenyeri Hirth bituma nyuma y'imyaka 17 agendeye ku rugero rw'abahowimana b'abagande. Abapadiri ba mbere batubereye urugero. Umupadiri mwiza arangwa no gukunda no kubaha Imana, kumenya ko yatowe na Kristu witanze. Kristu yabagize incuti ibyo bigatuma babana na we mu isengesho akemera kwitsinda agatura ubuzima bwe ho igitambo.

Umurimo w'umusaseridoti ni ukwamamaza inkuru nziza no gitanga amasakaramentu. Iyo abanye n'Imana bituma ubuzima bwe buba bwiza. kumva ko ukorera imana udakorera ishyaka ukaba inyangamugayo. Turi mu muryango w'abatagatifu bigaragaje mu byiza no mu byago. Muri aya mateka yacu mabi n'ameza bidutere kuyumva ku buryo bwa Yezu. Yasabye Abasaseridoti Kugira urukundo bita k'ugutagatifuza abandi ugashaka uko wigisha abantu. Guhora barwanira ishyaka batarambirwa urwo rukundo rutuma batireba ngo birengagize abandi yabasabye kandi kudakunda no kutararikira ibintu.

Kuba Padiri ni ukumvikanisha ko wowe udaharanira ibintu bihihibikanya abandi. Yasoje ijambo rye abasaba gukorana na kiliziya, kumva kimwe na Kiliziya mu kunga ubumwe bivuga kugirana ubumwe n'Umwepiskopi n'abasaseridoti. Urukundo bakunda kiliziya nirwo rwerekana urwo bakunda Yezu Kristu kandi gukunda Imana bisaba gukunda mugenzi wawe.

Padiri Emmanuel BAMPORINEZA